# 238: Kera har' abungeri mu gihugu cyera

1.
Kera har' abungeri mu gihugu cyera, Bumv' inkuru y'ibyiza ko Yes' avutse. ku musozi n'ijoro,bumv' amajwi menshi Y'ingabo zo mw ijuru, zishima, ziti :

Ref:
Noel! Noel! Noel ! Noel! Havuts' Umwami w'lsirayeli !

2.
Mu gihugu cya kure, har' abanyabwenge. Bahishurirw' ikintu cyabatangaje.
Babony' ikimenyetso cy'inyenyeri nini, Kibarangir'aho Yesu yavukiye.

3.
Nukw Iman' iberetse k' Umukiza yaje, Bajy' ahw ar' uwo mwanya ngo bamusenge. Baramupfukamira,bamutur' ibyiza : By'izahabu n'icyome n'ishangi na yo.

4.
Natwe tumusang' ubu; n' Umukiza wacu; Yaj' aciye bugufi kubwac' ababi. Nyuma, ku Musaraba, yaradupfiriye, Aduhongerera ngo tutarimbuka.

5.
Nuko, umushimire ko yatuvukiye, Tumutur' imitima yac' imenetse. Uyu munsi wa none, yonger' avukire Mu mitima ya benshi, bamushimishe.

Visit us at indirimbo.com